



Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburengerazuba
Akarere ka Nyabihu

ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyabihu buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko bwifuza gutanga akazi ku myanya 12 yo kwinjira mu rwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO).

Kugira ngo umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO, agomba kuba:

- . ari Umunyarwanda;
- . yabisabye ku bushake;
- . agejeje nibura ku myaka (18) y'amavuko kandi atarengeje imyaka 25;
- . ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
- . atarigeze akatirwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) mu rubanza rwabaye ntakuka;
- . afite impamyabushobozi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye cyangwa iyo binganya agaciro;
- . afite ubuzima bwiza n'imbaraga kugira ngo ashobore gukora imirimo ya DASSO bigaragazwa n'icyemezo cya muganga gitanzwe wemewe na Leta;
- . atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe mu bakozi ba Leta;
- . yatsinze ibizamini byo kwinjira abakozi muri DASSO.

Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:

- Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Umuyobozi w'Akarere;
- Ifishi isaba akazi yujijwe neza, iboneka ku rubuga rw'Akarere ka Nyabihu;
- Fotokopi y'impamyabumenyi;
- icyemezo cyo kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'Umurenge;
- icyemezo gitangwa na muganga wemewe na Leta cyemeza ko afite ubuzima bwiza;
- icyemezo cy'uko atigeze akatirwa igifungo kirenze cyangwa kingana n'amezi atandatu (6);
- Fotokopi y'indagamuntu.

Dosiye isaba akazi igomba kuba yageze mu Bunyamabanga Rusange bw'Akarere ka Nyabihu guhera tariki 08/10/2026 kugeza kuwa 16/10/2026 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00).

Bikorewe i Nyabihu, kuwa 08/10/2026

MUKANDAYISENGA Antoinette
Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu



Website: www.nyabihu.gov.rw. Email: info@nyabihu.gov.rw Follow us on X: @NyabihuDistrict Toll Free: 3601 Po. Box: 125 Ruhengeri.